

AMABWIRIZA N° 012/R/MR-CER/RURA/020 YO KUWA 29/05/2020 AGENGA ITANGWA RY'IMPUSHYA KURI SERIVISI ZISAKAZA AMAKURU AKOMATANYE MU RWANDA

REGULATION N° 012/R/MR-CER/RURA/020 OF 29/05/2020 GOVERNING LICENSING OF MULTIMEDIA SERVICES PROVISION IN RWANDA

REGLEMENT N° 012/R/MR-CER/RURA/020 DU 29/05/2020 REGISSANT L'OCTROI DES LICENCES DE FOURNITURE DES SERVICES MULTIMEDIAS AU RWANDA

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLE DES MATIERES**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**  
**Ingingo ya mbere:** icyo aya Mabwiriza agamije

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**  
**Article One:** Purpose

**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES**  
**Article premier :** Objet

**Ingingo ya 2:** Ibisobanuro by'amagambo

**Article 2:** Definition of terms

**Article 2 :** Définitions des termes

**Ingingo ya 3:** Ibirebwa n'aya Mabwiriza

**Article 3:** Scope

**Article 3 :** Champs d'application

**UMUTWE WA II: AMAHAME AGENGA SERIVISI Z'ISAKAZAMAKURU RIKOMATANYE**

**CHAPTER II: PRINCIPLES GOVERNING THE MULTIMEDIA SERVICES**

**CHAPITRE II: PRINCIPES REGISSANT LES SERVICES MULTIMEDIAS**

**Ingingo ya 4:** Amabwiriza rusange agenga itangwa rya serivisi z'isakazamakuru rikomatanye

**Article 4:** General condition for providing multimedia services

**Article 4 :** Conditions générales préalables à la fourniture de services multimédias

**Ingingo ya 5:** Kubahiriza ingamba z'umutekano

**Article 5:** Compliance with the safety measures

**Article 5:** Respect des mesures de sécurité

<b><u>Ingingo ya 6:</u> Shene z'ubuntu na shene zitegetswe</b>	<b><u>Article 6:</u> Free to air and must carry channels</b>	<b><u>Article 6 :</u> Chaînes gratuites et chaînes à diffusion obligatoire</b>
<b><u>Ingingo ya 7:</u> Televiziyo ikoresha itumanaho rigendanwa n'amabwiriza ya tekini agenga televiziyo ikoresha IP</b>	<b><u>Article 7:</u> Mobile TV and Technical Standards for IPTV standards</b>	<b><u>Article 7:</u> Télévision mobile et normes techniques pour TVIP</b>
<b><u>UMUTWE WA III:</u> ITANGWA RY'IMPUSHYA ZO GUTANGA SERIVISI Z'ISAKAZAMAKURU RIKOMATANYE</b>	<b><u>CHAPTER III:</u> LICENSING REGIME FOR MULTIMEDIA SERVICES</b>	<b><u>CHAPITRE III:</u> CADRE D'OCTROI DES LICENCES POUR LES SERVICES MULTIMEDIAS</b>
<b><u>Icyiciro cya mbere:</u> Gusaba uruhushya</b>	<b><u>Section One:</u> License application</b>	<b><u>Section première :</u> Demande de licence</b>
<b><u>Ingingo ya 8:</u> Uruhushya rwo gutanga serivisi z'isakazamakuru rikomatanye</b>	<b><u>Article 8:</u> License for Multimedia service provision</b>	<b><u>Article 8 :</u> Licence de fourniture des services multimédias</b>
<b><u>Ingingo ya 9:</u> Igihe uruhushya rwo gutanga serivisi z'isakazamakuru rikomatanye rumara</b>	<b><u>Article 9:</u> Validity of Multimedia service provision license</b>	<b><u>Article 9:</u> Validité d'une licence de fourniture des services multimédias</b>
<b><u>Ingingo ya 10:</u> Kongerera uruhushya igihe</b>	<b><u>Article 10:</u> Renewal of the license</b>	<b><u>Article 10:</u> Renouvellement de la licence</b>
<b><u>Icyiciro cya 2:</u> Uburyo bukurikizwa mu gusaba uruhushya</b>	<b><u>Section 2:</u> License application procedure</b>	<b><u>Section 2:</u> Procédure de demande de licence</b>
<b><u>Ingingo ya 11:</u> Ibisabwa muri rusange</b>	<b><u>Article 11:</u> General requirements</b>	<b><u>Article 11:</u> Conditions générales</b>

**Ingingo ya 12:** Ibyihariye bisabwa umuntu utanga serivisi z'isakazamakuru rikomatanye risaba ifatabuguzi

**Ingingo ya 13:** Ibyihariye bisabwa umuntu utanga serivisi z'ibikubiye mu butumwa

**Ingingo ya 14:** Isuzuma ry'ubusabe bw'uruhushya

**Ingingo ya 15:** Gufata icyemezo ku busabe bw'uruhushya

**Ingingo ya 16:** Amafaranga atangwa ku ruhushya

**Ingingo ya 17:** Impamvu zo kwanga ubusabe bw'uruhushya

**Icyiciro cya 3:** Inshingano z'uwahawe uruhushya, guhindura uruhushya, kurwambura uwaruhawe no kuruherekanya

**Ingingo ya 18:** Inshingano rusange z'uwahawe uruhushya

**Ingingo ya 19:** Inshingano zihariye ku batanga serivisi z'isakazamakuru rikomatanyije risaba ifatabuguzi

**Ingingo ya 20:** Guhindura uruhushya

**Ingingo ya 21:** Kwambura uruhushya uwaruhawe

**Ingingo ya 22:** Guhererekanya uruhushya

**Article 12:** Specific requirements for subscription Multimedia services provider

**Article 13:** Specific requirements for content services provider

**Article 14:** Evaluation process of the license application

**Article 15:** Decision on license application

**Article 16:** License fee

**Article 17:** Reasons for rejection of a license application

**Section 3:** Obligation of the licensee, license modification, revocation and transfer

**Article 18:** General obligations of the licensee

**Article 19:** Specific obligations to subscription Multimedia service providers

**Article 20:** Modification of the license

**Article 21:** License cancellation

**Article 22:** Transfer of a license

**Article 12:** Conditions spécifiques pour un fournisseur de services multimédias nécessitant un abonnement

**Article 13:** Conditions spécifiques pour le fournisseur de services de contenu

**Article 14:** Processus d'évaluation de la demande de licence

**Article 15:** Décision sur la demande de licence

**Article 16 :** Frais de licence

**Article 17:** Motifs de rejet de la demande de licence

**Section 3:** Obligation du titulaire de licence, modification, révocation et transfert de licence

**Article 18:** Obligations générales du titulaire de licence

**Article 19:** Obligations spécifiques aux prestataires de services multimédias d'abonnement

**Article 20:** Modification de licence

**Article 21:** Annulation de licence

**Article 22:** Transfert de licence

<b><u>Ingingo ya 23:</u></b> Uburyo guhererekanya uruhushya bikorwa	<b><u>Article 23:</u></b> Procedure for license transfer	<b><u>Article 23:</u></b> Procédure de transfert de licence
<b><u>Ingingo ya 24:</u></b> Guhagarika uruhushya	<b><u>Article 24:</u></b> License suspension	<b><u>Article 24:</u></b> Suspension de licence
<b><u>Ingingo ya 25:</u></b> Kwambura uruhushya uwaruhawe	<b><u>Article 25:</u></b> License revocation	<b><u>Article 25:</u></b> Révocation de licence
<b><u>Ingingo ya 26:</u></b> Gusubiza uruhushya	<b><u>Article 26:</u></b> Surrendering the license	<b><u>Article 26:</u></b> Remise de licence
<b><u>Ingingo ya 27:</u></b> Uburyo uwahawe uruhushya arwamburwa	<b><u>Article 27:</u></b> Procedures for license revocation	<b><u>Article 27:</u></b> Procédures de révocation de licence
<b><u>Ingingo ya 28:</u></b> Gusubiza uruhushya rwahagaritswe cyangwa rwambuwe uwaruhawe	<b><u>Article 28:</u></b> Return of the suspended or revoked license	<b><u>Article 28:</u></b> Remise de la licence suspendue ou révoquée
<b><u>Ingingo ya 29:</u></b> Ubujurire ku ruhushya	<b><u>Article 29:</u></b> Appeal on license matters	<b><u>Article 29:</u></b> Recours en matière de licence
<b><u>UMUTWE WA IV:</u></b> KUGENZURA, GUHATIRA KUBAHIRIZA IBIKUBIYE MU RUHUSHYA N'IBIHANO BYO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI	<b><u>CHAPTER IV:</u></b> MONITORING, ENFORCEMENT AND ADMINISTRATIVE SANCTIONS	<b><u>CHAPITRE IV:</u></b> CONTROLE, APPLICATION DES REGLEMENTS ET SANCTIONS ADMINISTRATIVES
<b><u>Icyiciro cya mbere:</u></b> Kugenzura no guhatira kubahiriza ibikubiye mu ruhushya	<b><u>Section One:</u></b> Monitoring and enforcement	<b><u>Section première:</u></b> Surveillance et application de ce règlement
<b><u>Ingingo ya 30:</u></b> Kugenzura iyubahirizwa ry'ibikubiye mu ruhushya	<b><u>Article 30:</u></b> Monitoring of license compliance	<b><u>Article 30:</u></b> Surveillance du respect des licences

<b><u>Ingingo ya 31:</u> Kugenzura iyubahirizwa ry'ibikubiye mu ruhushya</b>	<b><u>Article 31:</u> License enforcement</b>	<b><u>Article 31:</u> Contrôle de mise en application des contenus de la licence</b>
<b><u>Icyiciro cya 2:</u> Ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi</b>	<b><u>Section 2:</u> Administrative sanctions</b>	<b><u>Section 2:</u> Sanctions administratives</b>
<b><u>Ingingo ya 32:</u> Gukora nta ruhushya</b>	<b><u>Article 32:</u> Operating without a license</b>	<b><u>Article 32:</u> Opérer sans licence</b>
<b><u>Ingingo ya 33:</u> Guhererekanya uruhushya nta burenganzira</b>	<b><u>Article 33:</u> Transferring a license without authorization</b>	<b><u>Article 33:</u> Transfert d'une licence sans autorisation</b>
<b><u>Ingingo ya 34:</u> Gukora mu gihe uruhushya rwarengeje igihe</b>	<b><u>Article 34:</u> Operating with an expired license</b>	<b><u>Article 34:</u> Opérer avec une licence expirée</b>
<b><u>Ingingo ya 35:</u> Kutubahiriza ishyirwa mu bikorwa ry'icyemezo cyangwa Amabwiriza y'Urwego Ngenzuramikorere</b>	<b><u>Article 35:</u> Failure to comply with an enforcement notice or a regulatory directive</b>	<b><u>Article 35:</u> Défaut de se conformer à une mise en demeure ou à une directive de régulation</b>
<b><u>UMUTWE WA V: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA</u></b>	<b><u>CHAPTER V: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS</u></b>	<b><u>CHAPITRE V: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES</u></b>
<b><u>Ingingo ya 36:</u> Ingingo z'inzibacyuho</b>	<b><u>Article 36:</u> Transitional period</b>	<b><u>Article 36:</u> Période transitoire</b>
<b><u>Ingingo ya 37:</u> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya Mabwiriza</b>	<b><u>Article 37:</u> Repealing provision</b>	<b><u>Article 37:</u> Disposition abrogatoire</b>
<b><u>Ingingo ya 38:</u> Igihe aya Mabwiriza atangira gukurikizwa</b>	<b><u>Article 38:</u> Commencement</b>	<b><u>Article 38:</u> Entrée en vigueur</b>

**AMABWIRIZA N° 012/R/MR-CER/RURA/020 YO KUWA 29/05/2020 AGENGA ITANGWA RY'IMPUSHYA KURI SERIVISI ZISAKAZA AMAKURU AKOMATANYE MU RWANDA**

**REGULATION N° 012/R/MR-CER/RURA/020 OF 29/05/2020 GOVERNING LICENSING OF MULTIMEDIA SERVICES PROVISION IN RWANDA**

**REGLEMENT N° 012/R/MR-CER/RURA/020 DU 29/05/2020 REGISSANT L'OCTROI DES LICENCES DE FOURNITURE DES SERVICES MULTIMEDIAS AU RWANDA**

Inama Ngenzuramikorere;

The Regulatory Board;

Le Conseil de Régulation ;

Ishingiye ku Itegeko n° 09/2013 ryo ku wa 01/03/2013 rishyiraho Urwego rw'Igihugu rushinzwe kugenzura imikorere y'inzego zimwe z'imirimo ifitiye Igihugu akamaro (RURA) rikanagena inshingano, ububasha, imiterere, n'imikorere byarwo, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 2 (1°), iya 4 n'ya 20;

Pursuant to Law n° 09/2013 of 01/03/2013 establishing Rwanda Utilities Regulatory Authority (RURA) and determining its mission, powers, organization and functioning, especially in Article 2 (1°), 4, and 20;

Vu la Loi N° 09/2013 des 01/03/2013 portant créations de l'Autorité Rwandaise de Régulation de certains services d'utilité publique (RURA) et déterminant sa mission, ses pouvoirs, son organisation, et son fonctionnement, spécialement en ses articles 2 (1°), 4 et 20 ;

Ishingiye ku Itegeko n° 02/2013 ryo ku wa 08/02/2013 rigenga itangazamakuru, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 4 n'ya 20;

Pursuant to Law n° 02/2013 of 08/02/2013 regulating media, especially in Article 4 and 20;

Vu la Loi n° 02/2013 du 08/02/2013 régissant les médias, spécialement en ses articles 4 et 20 ;

Ishingiye ku Itegeko n° 24/2016 ryo ku wa 18/06/2016 rigenga ikoranabuhanga mu itangazabumenyi n'itumanaho, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 92, iya 93 n'ya 226;

Pursuant to Law n° 24/2016 of 18/06/2016 governing Information and Communication Technologies, especially in Articles 92, 93, and 226;

Vu la Loi n° 24/2016 du 18/06/2016 régissant les technologies de l'information et de la communication, spécialement en ses articles 92, 93 et 226 ;

Ishingiye ku myanzuro y'inama nyunguranabitekerezo zabaye ku

Based on the recommendations made during consultative meetings held on

Compte tenu des recommandations formulées lors des réunions consultatives tenues les 22 mars 2019

matariki ya 22 Werurwe 2019 na 05 Werurwe 2020 hagati ya RURA n'abafatanyabikorwa banyuranye bakora mu itangazamakuru; 22 March 2019 and 05 March 2020 between RURA and different stakeholders in the Media Sector; et 05 mars 2020 entre RURA et différentes parties prenantes du secteur des médias ;

Imaze kuyasuzuma no kuyafataho umwanzuro mu nama yayo yo ku wa 29/5/2020; Upon due consideration and deliberation in its meeting of 29/5/2020; Après examen et délibération lors de sa réunion du 29/5/2020 ;

Ishyizeho Amabwiriza akurikira: Hereby issues the following Regulation: Edicte le Règlement suivant :

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES**

**Ingingo ya mbere: Icyo aya Mabwiriza agamije**

**Article One: Purpose**

**Article premier : Objet**

Aya Mabwiriza agamije gushyiraho uburyo bw'imitangire y'impushya n'amategeko agenga itangwa rya serivisi z'isakazamakuru rikomatanye mu Rwanda.

The purpose of this Regulation is to establish a licensing and regulatory framework for providing multimedia services in Rwanda.

Le présent Règlement a pour objet de mettre en place un cadre d'octroi des licences et un cadre réglementaire applicables à la fourniture des services multimédias au Rwanda.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo n'impine**

**Article 2: Definition of terms and acronyms**

**Article 2 : Définitions des termes et acronymes**

Muri aya Mabwiriza, amagambo akurikira n'impine bifite ibisobanuro bikurikira:

In this Regulation, the following terms and acronyms have the following meanings:

Aux fins du présent Règlement, les termes et les acronymes suivants sont définis comme suit :

- |   |   |   |
|---|---|---|
| <p>1. <b>isakazamakuru:</b> iyoherezwa cyangwa ihererekanywa ry'amajwi cyangwa amashusho hakoreshejwe uburyo bw'inyakiramajwi cyangwa inyakiramajwi n'amashusho bwabugenewe. Iyoherezwa rishobora gukoresha impuzamirongo ya radiyo, urutsinga, umuyoboro wihuta wa "fibre optic", icyogajuru cyangwa se ubu buryo bwose buhuriye hamwe mu buryo ubu n'ubu;</p> | <p>1. <b>broadcasting:</b> Emission or transmission of sound or images for direct reception by the general public by means of receivers adapted for that purpose, whether the delivery is achieved by means of or uses the radio frequency spectrum, cable, optical fiber, satellite or any combination of these;</p> | <p>1. <b>Radiodiffusion :</b> émission ou transmission du son ou des images au moyen de récepteurs audio ou audiovisuels adaptés à cet effet. La transmission peut utiliser le spectre radio, le câble, la fibre optique, le satellite ou n'importe quelle combinaison de ceux-ci ;</p>   |
| <p>2. <b>serivisi z'isakazamakuru:</b> serivisi yose igamije kugeza amakuru kuri rubanda hakoreshejwe amajwi cyangwa amajwi n'amashusho ku gice cy'abantu runaka cyangwa ku bafatabuguzi ba serivisi iyi n'iyi cyangwa ku ngeri runaka za serivisi;</p>   | <p>2. <b>broadcasting services:</b> any service which consists of the broadcasting of audio or audiovisual programs to the public, group of the public or subscribers to such service or a class of provided services;</p>  | <p>2. <b>services de radiodiffusion:</b> tout service qui consiste à émettre les programmes de diffusion sonore ou audiovisuel destinés au public, à une partie du public ou aux abonnés à un tel service ou une catégorie de services;</p>   |
| <p>3. <b>ibikubiye mu butumwa:</b> amakuru ari mu buryo bw'amagambo n'andi majwi, inyangiko, amashusho, ibishushanyo byaba biri hamwe cyangwa biyega, ubwo buryo bukaba bushobora gukorwa, gufatwa, kubikwa, kongera</p>  | <p>3. <b>content:</b> information in the form of speech and other sound, text, data or images, drawings including cartoons and other related characters whether still or moving, capable of being created, manipulated, stored, retrieved or communicated electronically;</p>   | <p>3. <b>contenu:</b> informations sous forme de signaux vocaux et autres sons, de texte, de données ou d'images, de dessins, y compris des dessins animés et d'autres représentations connexes, qu'ils soient immobiles ou en mouvement, susceptibles d'être créés, manipulés, stockés, récupérés ou transmis par voie électronique;</p> |



kuboneka cyangwa kugezwa ku bandi mu buryo bw'ikoranabuhanga;

- |   |  |  |
|---|--|--|
| 4. <b>utanga serivisi za interineti:</b> umuntu wahawe n'Urwego Ngenzuramikorere uruhushya rwo gutanga serivisi za interineti;  | 4. <b>Internet Service Provider:</b> a person who is licensed by the Regulatory Authority to provide internet services;  | 4. <b>fournisseur de services Internet :</b> personne autorisée par l'Autorité de Régulation à fournir des services Internet ;   |
| 5. <b>serivisi ya televiziyo ikoresha IP cyangwa serivisi ya IPTV:</b> serivisi isakaza televiziyo itanga amashusho agezeweho, igakoresha ikoranabuhanga ry'umurongo mugari rishingiye kuri IP; | 5. <b>Internet Protocol TV Service or "IPTV service":</b> a TV broadcasting service comprising digital TV signals delivered using Internet Protocol ("IP") based broadband technology; | 5. <b>service de télévision fondée sur le protocole Internet ou « service de TVIP » :</b> service de diffusion de télévision comprenant des signaux de télévision numérique utilisant la technologie à large bande reposant sur le protocole Internet (« IP ») |
| 6. <b>radiyo yo kuri interneti:</b> serivisi ya radiyo inyura ku muyoboro wa interineti cyangwa serivisi ya radio isakaza amakuru idafite sitidiyo ifatika;                                     | 6. <b>Internet radio:</b> a radio service provided over the Internet network or unmanaged transmission radio service without having a physical studio;                                 | 6. <b>radio Internet :</b> service radio fourni par le réseau Internet ou par le service radio non géré n'ayant pas de studio physique ;   |
| 7. <b>televiziyo yo kuri interineti:</b> shene ya televiziyo inyura ku muyoboro wa interineti;  | 7. <b>Internet television:</b> a television channel provided over the Internet network;  | 7. <b>télévision Internet :</b> chaîne de télévision fournie sur le réseau Internet ;  |
| 8. <b>utanga serivisi ya televiziyo ikoresha IP:</b> urubuga  | 8. <b>IPTV provider:</b> an operator driven and controlled platform in   | 8. <b>fournisseur de service TVIP:</b> plate-forme pilotée et contrôlée par l'opérateur dans   |

- ruyoborwa rukanagenzurwa n'ubarushinze, aho urukoresha akorana mu buryo butaziguye n'ibikoresho byashyizweho n'ubarushinze mu itsinda runaka ry'abarukoresha;
- which the consumer directly interacts with equipment installed by operator in closed user group;
- laquelle le consommateur interagit directement avec les équipements installés par l'opérateur dans un groupe fermé d'utilisateurs ;
9. **uruhushya:** icyemezo giha utanga serivisi uburenganzira bwo gukora imirimo runaka cyangwa gutanga serivisi runaka;
9. **license:** an authorization allowing an operator to conduct certain activities and/or provide services;
9. **licence :** acte administratif autorisant un opérateur à effectuer certaines opérations et/ou à offrir des services ;
10. **uwahawe uruhushya:** umuntu wese wahawe n'Urwego Ngenzuramikorere inyandiko imwemerera gutanga serivisi z'isakazamakuru rikomatanye mu buryo buteganywa n'aya Mabwiriza;
10. **licensee:** any person to whom a legal document has been issued by the Regulatory Authority to provide multimedia services under this Regulation;
10. **titulaire de licence :** toute personne à laquelle un document juridique a été délivré par l'Autorité de Régulation pour fournir des services multimédias en vertu du présent Règlement ;
11. **televiziyo ikoresha itumanaho rigendanwa:** iyohereza n'iyakira ry'ubutumwa bwa televiziyo, bw'amashusho n'ubw'amajwi mu buryo budakoresheje insinga, ku bikoresho bigendanwa cyangwa bishobora kugendanwa;
11. **mobile television:** wireless transmission and subsequent reception of television content, video and voice to platforms that are either moving or capable of moving;
11. **télévision mobile :** transmission sans fil et réception ultérieure de contenu télévisuel, vidéo et vocal sur des plates-formes mobiles ou capables de se déplacer ;
12. **serivisi zisakaza amakuru akomatanye :** serivisi zisakaza amakuru ashobora kuba
12. **multimedia services:** refer to media services such as data or text, visual image, audio, audio-visual
12. **services multimédias :** désignent les services multimédias tels que les données ou texte, image visuelle, audio, audiovisuelle offerts

inyandiko, ishusho, amajwi, amajwi n'amashusho, zihabwa abafatabuguzi hifashishijwe ibikoresho koranabuhanga birimo ibinyamakuru byo kuri interineti, radiyo na televiziyo byo kuri interineti, videwo zisabwa, televiziyo ikoresha IP na televiziyo ikoresha itumanaho rigendanwa;

offered to the end users through an electronic device including but not limited to Online newspaper, Internet radio, Internet TV, Audio and VoD, IPTV and Mobile TV;

aux utilisateurs finaux via un appareil électronique, y compris, mais sans s'y limiter, le journal en ligne, la radio Internet, la télévision Internet, l'audio et la VoD, la TVIP et la télévision mobile;

**13. utanga serivisi z'imiyoboro:** abafite imiyoboro bahawe impushya zo gutanga ibikorwa remezo by'imiyoboro, nk'abakora ibikorwa by'itumanaho, abatanga imiyoboro y'amajwi n'amashusho n'abatanga serivisi za interineti bohereza ubutumwa bw'abafite impushya zo gutanga serivisi z'isakazamakuru;

**13. network service provider:** network' owners licensed to provide network infrastructure such as telecom operators, signal distributors and internet service providers carrying the content of multimedia services licensees;

**13. fournisseur des services réseau:** propriétaires de réseaux autorisés à fournir une infrastructure de réseau, tels que des opérateurs de télécommunications, des distributeurs de signaux et des fournisseurs de services Internet diffusant le contenu des titulaires de licences de services multimédias ;

**14. ikinyamakuru cyo kuri interineti:** inyandiko y'ikinyamakuru iri kuri interinet, ikaba ubwayo ari ikinyamakuru kihagije cyangwa ikaba ari inyandukuro y'ikinyamakuru cyandikwa;

**14. online newspaper:** online version of a newspaper, either as a stand-alone publication or as the online version of a printed version;

**14. journal en ligne:** version en ligne d'un journal, soit en tant que publication indépendante, soit en tant que version en ligne d'une version imprimée ;

15. **Urwego Ngenzuramikorere:** Urwego rw'Igihugu rushinzwe kugenzura imikorere y'inzego zimwe z'imirimo ifitiye Igihugu akamaro;
15. **Regulatory Authority:** Rwanda Utilities Regulatory Authority;
15. **Autorité de Régulation :** Autorité Rwandaise de Régulation de certains services d'utilité publique;
16. **serivisi yo gusakaza amajwi n'amashusho:** kugeza ibikorwa remezo by'imiyoboro n'umuyoboro nsakazamakuru ku batanga serivisi z'ibikubiye mu isakazamakuru, harimo no kugeza ku mufatabuguzi ibikubiye mu isakazamakuru binyujijwe kuri interineti;
16. **signal distribution service:** making available network facilities and distribution network to the content services providers, and includes the operation of content distribution over the internet to the customer premise;
16. **service de distribution des signaux :** rendre accessibles les installations de réseau et le réseau de distribution aux fournisseurs de services de contenu, et cela comprend l'opération de la distribution de contenu sur Internet dans les prémisses du client ;
17. **serivisi ya televiziyo isaba ifatabuguzi:** serivisi isakaza televiziyo yo kuri interineti, igahabwa abayireba ari uko bishyuye amafaranga y'ifatabuguzi;
17. **subscription TV service:** an internet based TV broadcasting service made available to viewers only upon the payment of a subscription fee;
17. **service de télévision d'abonnement:** service de diffusion de télévision sur Internet mis à la disposition des téléspectateurs uniquement moyennant paiement d'un abonnement ;
18. **videwo zisabwa:** serivisi isakaza amajwi n'amashusho igatangwa n'utanga serivisi z'isakazamakuru kugira ngo umuntu arebe amakuru runaka ku gihe ashaka nyuma yo kwishyura amafaranga no kubisaba yifashishije urutonde rwa gahunda rwatoranyijwe
18. **Video on demand (VoD):** an audio-visual broadcasting service provided by a media service provider for the viewing of programs at the moment chosen by the user upon the payment and at his individual request on the basis of a catalogue of programs selected by the media service provider.
18. **vidéo à la demande (VoD) :** service de diffusion audiovisuelle fourni par un fournisseur des services de médias pour la visualisation de programmes au moment choisi par l'utilisateur après paiement et à sa demande individuelle sur base d'un catalogue des programmes sélectionné par le fournisseur de services de médias.

n'utanga z'isakazamakuru.	serivisi		
19. IPTV: Internet Television	Protocol	19. IPTV: Internet Protocol Television	19. IPTV: Internet Protocol Television
20. TV: Television		20. TV: Television	20. TV: Television
21. VoD: Video on Demand		21. VoD: Video on demand	21. VoD : Video on Demand
22. IP: Internet Protocol		22. IP: Internet protocol	22. IP: Internet Protocol
23. ITU:International Telecommunication Union		23. ITU: International Telecommunication Union	23. ITU : International Telecommunication Union
24. RURA: Rwanda Regulatory Authority	Utilities	24. RURA: Rwanda Regulatory	24. RURA : Rwanda Utilities Regulatory Authority.

**Ingingo ya 3: Ibirebwa n'aya Mabwiriza**

Aya Mabwiriza areba umuntu wese cyangwa ikigo gifite ubuzima gatozi bitanga serivisi z'ibinyamakuru byo kuri interineti, serivisi za radiyo yo kuri interineti, serivisi za televiziyo yo kuri interineti, serivisi za videwo zisabwa, televiziyo ikoresha IP, serivisi za televiziyo ikoresha itumanaho rigendanwa n'izindi serivisi z'isakazamakuru bijyanye.

**Article 3: Scope**

This Regulation shall apply to any natural or legal person who provides online newspaper, Internet radio services, Internet TV services, VoD services, IPTV, Mobile TV services and other related multimedia services.

**Article 3 : Champs d'application**

Le présent Règlement s'applique à toute personne physique ou morale qui fournit des services des journaux en ligne, des services de radio Internet, des services de télévision sur Internet, des services VoD, TVIP, des services de télévision mobile et d'autres services multimédias connexes.

**UMUTWE WA II: AMAHAME  
AGENGA SERIVISI  
Z'ISAKAZAMAKURU  
RIKOMATANYE**

**Ingingo ya 4: Amabwiriza rusange  
agenga itangwa rya serivisi  
z'isakazamakuru rikomatanye**

Uwahawe uruhushya rwo gutanga serivisi z'umuyoboro wifuza gutanga serivisi z'isakazamakuru azinyujije ku muyoboro we agomba kubanza kubona uruhushya rutangwa n'Urwego Ngenzuramikorere. Birabujijwe gusakaza amakuru y'umuntu utanga serivisi z'isakazamakuru rikomatanye utarabihereye uruhushya n'Urwego Ngenzuramikorere.

**Ingingo ya 5: Kubahiriza ingamba  
z'umutekano**

Mu bijyanye na serivisi atanga hakurikijwe ibiteganywa n'aya Mabwiriza, uwahawe uruhushya agomba gufata ingamba z'umutekano zihamye kandi zikwiye agamije kurinda ubuzima n'ibintu, harimo kubirinda guhura n'imirasire yangiza ituruka mu bikoresho n'inyubako akoresha muri byabikorwa .

**CHAPTER II: PRINCIPLES  
GOVERNING THE  
MULTIMEDIA SERVICES**

**Article 4: General conditions for  
providing multimedia services**

Network Service Provider licensee wishing to provide multimedia services through his or her network must first obtain a multimedia service provision license from the Regulatory Authority. It is prohibited to carry the content of any multimedia service provider who is not licensed by the Regulatory Authority.

**Article 5: Compliance with the  
safety measures**

The Licensee shall in respect of services provided or maintained under this Regulation take proper and adequate safety measures to safeguard life or property, including exposure to any electrical emissions or radiations emanating from equipment or installation from such operations.

**CHAPITRE II : PRINCIPES REGISSANT  
LES SERVICES MULTIMEDIAS**

**Article 4 : Conditions générales préalables à la  
fourniture des services multimédias**

Le titulaire de licence de fourniture des services de réseau souhaitant fournir des services multimédias via son réseau doit d'abord obtenir une licence auprès de l'Autorité de Régulation pour la fourniture des services multimédias. Il est interdit de diffuser le contenu de tout fournisseur des services multimédias dont les opérations ne sont pas autorisées par l'Autorité de Régulation.

**Article 5 : Respect des mesures de sécurité**

Le titulaire de licence doit, en ce qui concerne les services fournis ou entretenus en vertu du présent Règlement, prendre des mesures de sécurité appropriées et adéquates pour protéger la vie ou les biens, y compris l'exposition à toutes les émissions ou radiations électriques émanant des équipements ou de l'installation résultant de ces opérations.

**Ingingo ya 6: Shene z’ubuntu na shene zitegetswe**

Umuntu wese wahawe uruhushya rwo gutanga serivisi za televiziyo ikoresha IP yemerewe guhuriza shene z’ubuntu na shene zitegetswe muri “bouquet” imwe, agakora ku buryo shene z’ubuntu zikomeza kugera ku bafatabuguzi nibura mu mezi atatu (3) akurikira igihe cy’irangira ry’ifatabuguzi. Shene zitegetswe zigomba gusakazwa hakurikijwe amabwiriza azigenga.

**Ingingo ya 7: Televiziyo ikoresha itumanaho rigendanwa n’amabwiriza ya tekini agenga televiziyo ikoresha IP**

Uruhushya rwo gutanga serivisi za televiziyo ikoresha itumanaho rigendanwa na televiziyo ikoresha IP rugomba kubahiriza amabwiriza agenga televiziyo ikoresha itumanaho rigendanwa na televiziyo ikoresha IP agaragara mu mabwiriza mpuzamahanga agenga itumanaho, amwe muri ayo mabwiriza akaba ari: ITU-T H.622.1 (ibijyanye n’imiterere n’imikorere by’imiyoboro yo mu rugo yemera serivisi za televiziyo ikoresha IP), H.700-H.719 (imiterere rusange ya televiziyo ikoresha IP), H.720-H.729

**Article 6: Free to air and must carry channels**

Any IPTV licensed operator is allowed to combine both free to air and subscription channels in one bouquet provided that free to air channels remains accessible to subscribers at least three (3) months following the expiration of the subscription date. Must carry channels shall be carried in line with Regulations governing must carry channels.

**Article 7: Mobile TV and Technical Standards for IPTV standards**

The license for mobile TV and IPTV services must be compliant with the standards for Mobile and IPTV specified under the International Telecommunication Standards which include but are not limited to: ITU-T H.622.1 (Architecture and functional requirements for home networks supporting IPTV services), H.700-H.719 (IPTV General aspects), H.720-H.729 (IPTV Terminal Devices) and H.730-H.739 (IPTV Middleware).

**Article 6 : Chaînes gratuites et chaînes à diffusion obligatoire**

Tout opérateur, titulaire d’une licence de TVIP, est autorisé à combiner à la fois les chaînes gratuites et les chaînes à diffusion obligatoire en un bouquet, à condition que les chaînes gratuites restent accessibles aux abonnés au moins trois (3) mois après l’expiration de la date d’abonnement. Les chaînes à diffusion obligatoire doivent être diffusées conformément aux règlements régissant les chaînes à diffusion obligatoire.

**Article 7 : Télévision mobile et normes techniques pour TVIP**

La licence de services de télévision mobile et de TVIP doit être conforme aux normes pour la télévision mobile et TVIP spécifiées dans les Normes internationales des télécommunications qui incluent mais sans se limiter à: UIT-T H.622.1 (Architecture et spécifications fonctionnelles pour la prise en charge des services de TVIP dans le réseau domestique), H.700-H.719 (aspects généraux de TVIP), H.720-H.729 (dispositifs terminaux de TVIP) et H.730-H.739 (middleware TVIP).

(ibikoresho bya nyuma byakira televiziyo ikoresha IP) na H.730-H.739 (porogaramu ya mudasobwa yunganira televiziyo ikoresha IP).

**UMUTWE WA III: ITANGWA RY'IMPUSHYA ZO GUTANGA SERIVISI Z'ISAKAZAMAKURU RIKOMATANYE**

**Icyiciro cya mbere: Gusaba uruhushya**

**Ingingo ya 8: Uruhushya rwo gutanga serivisi z'isakazamakuru rikomatanye**

Umuntu wese ushaka kugeza serivisi z'isakazamakuru kuri rubanda, agomba kubisabira uruhushya rutangwa n'Urwego Ngenzuramikorere. Nta muntu wemerewe gutanga serivisi z'isakazamakuru rikomataniye adafite uruhushya rwemewe.

**Ingingo ya 9: Igihe uruhushya rwo gutanga serivisi z'isakazamakuru rikomatanye rumara**

Uruhushya rwo gutanga serivisi z'isakazamakuru rikomataniye rumara igihe cy'imyaka itanu (5) gishobora kongerwa.

**CHAPTER III: LICENSING REGIME FOR MULTIMEDIA SERVICES**

**Section One: License application**

**Article 8: License for Multimedia service provision**

Any person who intends to provide multimedia services to the general public must apply for a license to the Regulatory Authority. No person shall offer multimedia services without a valid license.

**Article 9: Validity of Multimedia service provision license**

The license to provide multimedia services shall have a validity of five (5) years renewable.

**CHAPITRE III: CADRE D'OCTROI DES LICENCES POUR LES SERVICES MULTIMEDIAS**

**Section première : Demande de licence**

**Article 8 : Licence de fourniture des services multimédias**

Toute personne qui désire fournir des services multimédias au public doit soumettre une demande de licence à l'Autorité de Régulation. Aucune personne n'est autorisée à offrir des services multimédias sans licence valable.

**Article 9 : Validité d'une licence de fourniture des services multimédias**

La licence de fourniture des services multimédias a une validité de cinq (5) ans renouvelables.



**Ingingo ya 10: Kongerera uruhushya igihe**

Uwahawe uruhushya ashobora gusaba Urwego Ngenzuramikorere kurwongerera igihe nibura iminsi mirongo itatu (30) y'akazi mbere yuko rurangiza igihe. Muri iryo saba, uwahawe uruhushya yoherereza ibaruwa Urwego Ngenzuramikorere, rukaba rwamusaba kuvugurura inyandiko zari zaratanze ku busabe bwa mbere zarengeje igihe.

Ubusabe bwo kongerera igihe uruhushya bushobora kwangwa mu gihe uwaruhawe atubahirije ingingo zarwo cyangwa atubahirije ibiteganywa n'aya Mabwiriza.

**Icyiciro cya 2: Uburyo bukurikizwa mu gusaba uruhushya**

**Ingingo ya 11: Ibisabwa muri rusange**

Usaba uruhushya rwo gutanga serivisi z'isakazamakuru rikomatanye agomba koherereza Urwego Ngenzuramikorere inyandiko zikurikira:

**Article 10: Renewal of the license**

The licensee may apply to the Regulatory Authority for license renewal at least thirty (30) working days prior to the expiration of the existing license. By initiating the procedure of renewal, the licensee shall send the letter and the Regulatory Authority may request him/her to update the expired documents that were deposited at the first time.

The application for the license renewal may be rejected if the licensee has failed to comply with the terms and conditions of the license or the provisions of this Regulation.

**Section 2: License application procedure**

**Article 11: General requirements**

Applicant for a Multimedia service license shall submit to the Regulatory Authority the following documents:

**Article 10: Renouvellement de la licence**

Le titulaire de licence peut demander à l'Autorité de Régulation de renouveler sa licence au moins trente (30) jours ouvrables avant l'expiration de la licence en cours. En engageant la procédure de renouvellement, le titulaire de licence envoie une lettre à l'Autorité de Régulation qui peut lui demander de mettre à jour les documents expirés qui avaient été déposés lors de la première demande.

La demande de renouvellement de licence peut être rejetée si le titulaire n'a pas respecté les termes et les conditions de la licence ou les dispositions du présent Règlement.

**Section 2: Procédure de demande de licence**

**Article 11: Conditions générales**

Le demandeur de licence des services multimédias doit soumettre à l'Autorité de Régulation les documents suivants :

- |  |  |   |
|--|--|---|
| a) ibaruwa yandikiwe Umuyobozi Mukuru w'Urwego Ngenzuramikorere;                     | a) Application letter addressed to the Director General of the Regulatory Authority; | a) une lettre de demande adressée au Directeur Général de l'Autorité de Régulation;                 |
| b) icyemezo cy'ishingwa ry'ikigo gisaba uruhushya;                                   | b) A certificate of incorporation of the applying entity;                            | b) un certificat de constitution de l'entité qui fait la demande;                                   |
| c) kopi y'indangamuntu cyangwa pasiporo by'umuyobozi mukuru n'umwanditsi mukuru;     | c) A copy of an ID or passport for Managing Director and Chief Editor;               | c) une copie de pièce d'identité ou de passeport pour le directeur général et le rédacteur en chef; |
| d) umwirondoro urambuye w'umuyobozi mukuru n'umwanditsi mukuru;                      | d) CVs of Managing Director and Chief Editor;  | d) un CV du directeur général et du rédacteur en chef;  |
| e) icyemezo cy'uko umuyobozi mukuru n'umwanditsi mukuru batigeze bakatirwa n'inkiko; | e) Criminal record certificates for Managing Director and Chief Editor;              | e) Extraits du casier judiciaire pour le directeur général et le rédacteur en chef ;                |
| f) umurongo mugari w'igitangamakuru;   | f) Detailed editorial line;  | f) une ligne éditoriale détaillée;  |
| g) icyemezo cy'ubwishyu bw'amafaranga y'ubusabe adasubizwa.                          | g) Proof of payment of non-refundable application fee.                               | g) une preuve de paiement des frais de demande non remboursables.                                   |

Urwego Ngenzuramikorere rufite ububasha bwo gusaba andi makuru ashobora kwifashishwa mu gusuzuma ubusabe.

The Regulatory Authority has the power to request any other information which may be necessary for the assessment of the application.

L'Autorité de Régulation se réserve le pouvoir de demander toute autre information qui peut être nécessaire pour évaluer la demande.

**Ingingo ya 12: Ibyihariye bisabwa umuntu utanga serivisi z'isakazamakuru risaba ifatabuguzi**

**Article 12: Specific requirements for subscription Multimedia services provider**

**Article 12: Conditions spécifiques pour le fournisseur des services multimédias nécessitant un abonnement**

Uretse ibisabwa muri rusange, utanga serivisi z'isakazamakuru rikomatanye risaba ifatabuguzi, hatarimo

In addition to general requirements, the provider of subscription multimedia services except online

Outre les conditions générales, le fournisseur de services multimédias d'abonnement, à l'exception des journaux en ligne, soumettre également ce qui suit :

ibinyamakuru byo kuri interineti, newspaper shall also submit the yohereza kandi ibi bikurikira: following:

- |  |   |  |
|--|---|--|
| a) urutonde rwa shene ziri muri buke“bouquet” ye;                        | a) A list of channels contained in his/her bouquet;                   | a) une liste des chaînes contenues dans son bouquet;         |
| b) amasezerano yagiranye n’ukwirakwiza shene zitandukanye za televiziyo; | b) The agreement with multi-channel distributor;                      | b) l’accord conclu avec le distributeur chaînes variées ;    |
